# INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YO KU WA 16/10/2000 YAHUJE ABAYOBOZI B'IMIRIMO, ABAYOBOZI B'AMASHAMI N'ABAKURU B'IMISHINGA MURI MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO N'UMUCO.

Inama yatangiye i saa tatu n'iminota itanu, iyoborwa n'Umuyobozi wo Kwigisha Imyuga Iciriritse muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.

Ku murongo w'ibyigwa hariho :

- Kureba ibyakozwe mu cyumweru cyo ku wa 09/10/2000 - 14/10/2000;
- Gahunda y'icyumweru ;
- Ibintu n'ibindi.

## IBYAKOZWE MU CYUMWERU CYO KU WA 09/10/2000 - 14/10/2000

### UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Gukoresha inama igamije kwiga uburyo bushya bwo gutegura imishinga : ntibyakozwe kuko ngo bari bafite ibindi byihutirwa kandi Umuyobozi w'Urubyiruko wagombaga kuba ari muri iyo nama yari mu rugendo ;
- Kujya i Gisenyi kureba ahazakorera ikigo kizita ku myororokere myiza y'Urubyiruko (SRA) : ntibyakozwe kuko iyo gahunda yahuriranye n'inama yo gutegura iya FNUAP ;
- Gukoresha " Interview " y'abazakora mu bigo by'Imyororokere myiza y'Urubyiruko batsinze ikizamini cyo kwandika : ntibyakozwe kuko uburyo izakoreshwa bwariho bugitegurwa ;
- Bateguye umushinga w'itegeko rishyiraho Inama Nkuru y'Urubyiruko ;
- Bakurikiranye bafatanije nabo mu Buyobozi bwo Kwigisha Imyuga Iciriritse imikoranire mishya ya FNUAP n'aba « partenaires » babo ;
- Gutegura umushinga wa S.N.V wo gufasha urubyiruko rwo muri komini MUKINGI (GITARAMA) : ntibyakozwe.

### UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Gutegura gahunda y'ibikorwa y'umwaka w'amashuri (2000-2001) izashyikirizwa Minisiteri y'Uburezi : byariho bigikorwa ;
- Babonanye n'abayobozi bo muri perefegitura ya Butare tariki ya 11 ukwakira 2000 bavugana ibyerekeye gutegura isiganwa ku maguru (cross) muri iyo perefegitura;
- Gutegura umushinga wo gutunganya icyumweru cy'imikino ya C.S.S.A (Conseil Supérieur du Sport en Afrique) izasozwa tariki ya 14 ukuboza. : bamaze kuwunguranaho ibitekerezo ariko wari utararangira.

### UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Gukomeza gukurikirana imirimo yo mu BISESERO : bavuze ko MUHOZA Christophe yagiyeyo kuva ku wa kane tariki ya 12/10/2000. Muri raporo yari

yamaze gutanga, ngo amagufwa bari hafi kurangiza kuyashyira mu mva, ariko ko ikibazo cyari gisigaye ari icya dari kuko KAGAHE yari atarazana « ciment » yo gukoresha. Ngo yaba ategereje ko bazabanza gushyingura akabona kuzishyiraho. Abari mu nama bagaragaje impungenge zuko nibamara gushyingura ashobora kuzikoreshereza aga « ciment » gacye, bikazasenyuka ;

- Gukurikirana dosiye y'imikino ya francophonie : bavuze ko dosiye yamaze gukorwa ;
- Bakurikiranye amahugurwa y'abashushanya ku mabuye yatangiye tariki 03/10, akaba yarashojwe tariki ya 14/10/2000 ;
- Bakomeje gutegura hamwe na " Helpage International " amahugurwa kuri " trésors humains vivants ".

ISHAMI RY'ISHYINGURANYANDIKO RY'IGIHUGU (ARCHIVES NATIONALES)

- Icyiciro cya kabiri cy' amahugurwa y'abakozi ba Minisiteri bakora mu Bunyamabanga nticyashoboye gukorwa kubera ikibazo cyo kwimuka.

ISHAMI RY'INKORANYABITABO RY'IGIHUGU

- Bateguye umushinga wo gusaba inkunga y'umwaka w'i 2001, ukazashyikirizwa BIEF (Banque Internationale d'Information sur les Etats Francophones).
- Bakomeje gukurikirana muri Minisiteri umwenda w'umusanzu w'u Rwanda mu muryango BIEF, ariko wari utarishyurwa.

INGORO Y'UMURAGE

- Bagiye muri National Tender Board kwibutsa guhamagarira « entreprises » gusura ikigo cy'Ingoro y'Umurage kureba ibikorwa bijyanye no gusana igisenge cy'inzu y'ingoro. Babemereye ko bazabikora, ariko bari bataraza. Basabwe gukomeza kubikurikirana ;
- Barangije gusakara inzu yo gucuriramo (atelier de forge) ;
- Gufasha komini Ngoma kwoza amagufwa no kuyatera imiti (traitement des ossements). Bagiyeyo ariko akazi ntikakozwe kubera ko ngo habuze « masques » zo kwambara.

UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

- Bakoranye inama n'Abayobozi ba Perefegitura ya Kigali Ngali (Superefegitura KANAZI : Komini Ngenda, Gashora na Kanzenze) : basobanuriye abari mu nama ko bashaka kubaka ikigo i RIRIMA babifashijwemo na Luxembourg, ariko ko ikibazo gihari ari icyo guhemba abarimu ;
- Kugenzura ibyakozwe na C.F.J NDAGO : babuze amavuta y'imodoka, ariko kandi ngo n'Umubikira wayoboraga icyo kigo nawe yari yabasabye kutazagenda batajyanye kugirango batazagira ibyo bamubeshyera.

GAHUNDA Y'ICYUMWERU

UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Gufatanya n'Inama Nkuru y'Urubyiruko kurebera hamwe imikorere n'imikoranire mu Nzego z'Urubyiruko zitandukanye ;
- Kujya i Musenyi muri Gabiro kureba ibyangiritse kw'ishuri ryahubatswe n'icyakorwa ;
- Kwagura komisiyo no gukoresha « interview » y'abazakora mu bigo by'imyororokere myiza y'urubyiruko ;
- Gutegura amahugurwa azabera i GITARAMA kubyerekeye kwirinda SIDA.

UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Kunononsora ingengabihe y'ibikorwa by'umwaka w'amashuri 2000-2001 ;
- Gukora gahunda yo gusura Amashyirahamwe y'imikino mu mashuri ( A.S.S) muri za Perefegitura ;
- Gukora « Devis » yo gusana intebe zose za sitade ;
- Gukomeza gutegura umushinga wo gutunganya icyumweru cy'imikino ya C.S.S.A (Conseil Supérieur des sports africains) izasozwa tariki ya 14/12/2000.

UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Gukora raporo ya FESPAD n'iy'umunsi w'Intwari ;
- Gutegura imikino ya « Francophonie » ;
- - Gutunda amagufwa azajya mu mva i BISESERO no kwoza (traitement) azaguma muri « Mémorial » ;
  - Kugenzura iby'isuku ku irimbi rya REBERO ;
- Gutegura hamwe na « Helpage International » Séminaire kuri « Trésors Humains Vivants ».

ISHAMI RY'ISHYINGURANYANDIKO RY'IGIHUGU (ARCHIVES NATIONALES)

- Gukoresha icyiciro cya kabiri cy'amahugurwa y'abakozi ba Minisiteri bakora mu Bunyamabanga ;
- Gutangira kwimura inyandiko ziza muri Sitade Amahoro.

ISHAMI RY'INKORANYABITABO RY'IGIHUGU

- Gutunda ibitabo byavuye muri Minisiteri y'Uburezi biri mu Buyobozi bw'Umuco babijyana muri « Bibliothèque Nationale » ;
- Gushyikiriza APEF « Agenda Culturel » babasabye no kubagezaho umushinga wo gusaba inkunga.

INGORO Y'UMURAGE

- Kwigana na Burugumesitiri wa SHYANDA uburyo bwo gushyiraho ishyirahamwe ry'abana barangije kwiga mw'ishuri ry'imyuga ry'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda (CAM) ;
- Gutegura inyandiko (dépliant) imenyesha imurika rizaba mu kwezi kwa cumi na kabiri 2000 ;
- Gushyira mu cyongereza inyandiko zanditswe ku bukorikori.

UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

- Gutanga impamyabushobozi muri CFJ MAYANGE.

IBINTU N'IBINDI

- Abari mu nama bamaze kumenyeshwa ko hari ibikoresho bya FESPAD byabikijwe mu Buyobozi bwa Siporo mu kajagari (bitabaruwe), babasabye kubibarura muri iki cyumweru;
- Abari mu nama bamenyeshejwe kandi ko hari inama uwo munsi saa cyenda y'Abayobozi b'Imirimo yo kureba ibiteganywa gukorwa mw'Isangano ry'Urubyiruko (Festival de la Jeunesse), ubushobozi buhari n'imbaraga zikwiye kubishyirwamo ;
- Abari mu nama basabye ko haba inama yo kureba imikoranire hagati ya Minisiteri n'Inzego z'Urubyiruko kuko basanze idasobanutse neza ;
- Abari mu nama basabye kandi Ubuyobozi bwa Siporo gukurikirana dosiye zabasabye gushyira « antennes » kuri « Pylônes » za sitade Amahoro, kuko basanze Minisiteri ibifitemo inyungu ;
- Havuzwe kandi ikibazo cy'amafaranga yagenewe za perefegitura ubu yateye ikibazo kuko batayabonye. Abari mu nama basabye ko habaho uburyo bwo gusobanura ibibazo byahabaye kugirango he kugira abazajya babijyenderaho basebya Leta;
- Ku kibazo k'itara riri kw'Irimbi ry'Intwari Nyakubahwa Minisitiri yari yarasabye Ubuyobozi bw'Umuco kureba ko ridahora ryaka, Umuyobozi w'Umuco yavuze ko yagiyeyo kandi ko yasanze hari abiri yo ku irembo yaka, ariko avuga ko atarakwiriye kuzima, ahubwo ko hari n'irindi riri ku mva ryazimye ryari rikwiriye guhora ryaka (nk'ikimenyetso ndangamuco) kuko no ku mva handitse ngo « Umurage badusigiye ni Urumuri rutazima ». Yongeyeho kandi ko no mu bindi bihugu bagiyemo ko ku marimbi y'intwari hahora amatara yaka ;
- Havuzwe n'ikibazo cya za « Directions » zasabwe gukora raporo y'imyenda Minisiteri ifite, bavuga ko hari myinshi batazi, ndetse ko hari nijya yishyurwa ntibabimenye, hanyuma Bwana RUGAMBA Egide yavuze ko Ubuyobozi bw'Imirimo Rusange aribwo buzayikora kuko aribo bazi imyenda yose Minisiteri ifite;
- Umuyobozi w'Urubyiruko nawe yamenyesheje abari mu nama uko urugendo bagiyemo muri Tanzaniya mu rwego rwo kwizihiza icyumweru cy'urubyiruko rwagenze. Yavuze ko bahigiye byinshi, cyane cyane uko imyuga iciriritse yaho yateye imbere n'uko urubyiruko rwaho rukora n'ibyo rumaze kugeraho ;

- Ku kibazo k'ibikoresho bya FESPAD byabuze, Umuyobozi w'Umuco yamenyesheje abari mu nama na komisiyo yashinzwe kubikurikirana by'umwihariko, aho yashoboye kumenya ko Bwana Mubumbyi yagiye abikodesha (harimo na ORINFOR). Yanabamenyesheje kandi ko ngo ashobora kuba afite infunguzo zishobora kuba zafungura buri rugi rwa sitade.

Inama yarangiye i saa saba (13h 00').

<u>Umuyobozi w'inama</u>

NTIDENDEREZA William

Umuyobozi wo Kwigisha Imyuga
Iciriritse muri Minisitiri w'Urubyiruko,
Siporo n'Umuco.

<u>Umwanditsi w'inama</u>

TWAGIRAYEZU Innocent

Umuyobozi w'Ishami
rya Secrétariat Central.

| ABAJE MU NAMA | SERIVISI |
|---|---|
| 1. NTIDENDEREZA William | D.F.P |
| 2. MUKIMBIRI Jean | D.C.A |
| 3. Col. MUSITU | Cabinet |
| 4. RWIGEMA Paterne | D.S |
| 5. KANIMBA MISAGO | M.N.R |
| 6. RUGAMBA Egide | D.S.G |
| 7. NYANSHAYIJA David | D.J |
| 8. GASANA Vincent | Div. Adm.& Gest. CFJ |
| 9. KUBWIMANA Gertrude | Div.Sport Scol. |
| 10.RWAGATARE Alphonse | Div. Logistique |
| 11.NGABOYISONGA Vincent | Div. Programme |
| 12.TWAGIRAYEZU Innocent | Div. Secr.Central |
| 13.NDASHYIKIRWA Eugène | Camps de solid. des Jeunes |
| 14.MUSEMAKWERI Jean | Santé des Jeunes |
| 15.MUKANDOLI Diane | DAAF |
| 16.KIZARI Elias | Archives Natioanales |
| 17.NDAGIJIMANA Epimaque | Cabinet |
| 18.NSENGAH D.H | Div. Production |
| 19.SEKUBUMBA Séverin | Bibliothèque Nationale |
| 20. RUTAYISIRE Alexis | SDK |
| 21. BAYINGANA Bonfils | S/Communication |
| 22. RUTAGWENDEKA Fidèle | PAE |
| 23.ABIYINGOMA Ignace | Div. Infrastr.& Equipement |
| 24. KANAMUGIRE Louis | Com. MEMORIAL |
| 25. BITWENGE Isaac | Div. E.P |
| 26. HATEGEKIMANA Emmanuel | Div. G.P |
| 27. KABONEKA Francis | C.N.J. |

ABATARAJE MU NAMA BAFITE IMPAMVU ZIZWI

1. RUDAHUNGA Gédéon
2. MUNYAZIKWIYE Théogène
3. RUSIMBI John
4. MUHOZA Christophe
5. RUTAGENGWA Philibert
6. MUDAKIKWA Jean Marie
7. SALAAM J.M.V
8. BUTOTO Jean
9. RANGIRA Joseph
10. KAYIJUKA Gaspard
11. MUBUMBYI André